

*Umwaka wa 46 n° idasanzwe
yo kuwa 19 Werurwe 2007*

*Year 46 n° special
of 19 March 2007*

*46^{ème} Année n° spécial
du 19 mars 2007*

Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda	Official Gazette of the Republic of Rwanda	Journal Officiel de la République du Rwanda
---	---	--

Ibirimo/Summary/Sommaire

Page/Urup.

Amategeko/Laws/Lois

N° 09/2007 ryo kuwa 16/02/2007

Itegeko rigena inshingano, imiterere n'imikorere bya Komisiyo y'Igihugu yo Kurwanya Jenocide

N° 11/2007 ryo ku wa 16/03/2007

Itegeko Ngenga rigena kwimurira muri Repubulika y'u Rwanda imanza zivuye mu Rukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho u Rwanda n'izivuye mu bindi Bihugu.....

N° 09/2007 of 16/02/2007

Law on the attributions, organisation and functioning of the National Commission for the Fight Against Genocide.....

N° 11/2007 of 16/03/2007

Organic Law concerning transfer of cases to the Republic of Rwanda from the International Criminal Tribunal for Rwanda and from other States.....

N° 09/2007 du 16/02/2007

Loi portant attributions, organisation et fonctionnement de la Commission Nationale de Lutte contre le Génocide.....

N° 11/2007 du 16/03/2007

Loi Organique relative au renvoi d'affaires à la République du Rwanda par le Tribunal Pénal International pour le Rwanda et par d'autres Etats.....

<p>ITEGEKO NGENGA N° 11/2007 RYO KUWA 16/03/2007 RIGENA KWIMURIRA MURI REPUBULIKA Y'U RWANDA IMANZA ZIVUYE MU RUKIKO MPANABYAHA MPUZAMAHANGA RWASHYIRIWEHO U RWANDA N'IZIVUYE MU BINDI BIHUGU.</p> <p style="text-align: center;">ISHAKIRO</p>	<p>ORGANIC LAW N° 11/2007 OF 16/03/2007 CONCERNING TRANSFER OF CASES TO THE REPUBLIC OF RWANDA FROM THE INTERNATIONAL CRIMINAL TRIBUNAL FOR RWANDA AND FROM OTHER STATES.</p> <p style="text-align: center;">TABLE OF CONTENTS</p>	<p>LOI ORGANIQUE N° 11/2007 DU 16/03/2007 RELATIVE AU RENVOI D'AFFAIRES À LA RÉPUBLIQUE DU RWANDA PAR LE TRIBUNAL PÉNAL INTERNATIONAL POUR LE RWANDA ET PAR D'AUTRES ÉTATS.</p> <p style="text-align: center;">TABLE DES MATIERES</p>
<p><u>UMUTWE WA MBERE:</u> INGINGO RUSANGE</p> <p>Ingingo ya 1: Ibirebwa n'iri tegeko ngenga.</p> <p>Ingingo ya 2 : Urukiko rufite ububasha bwo kuburanisha izo manza</p> <p>Ingingo ya 3: Ibyaha bishobora gukurikiranwa mu nkiko zo mu Rwanda</p> <p>Ingingo ya 4: Inyandiko y'ibirego</p> <p>Ingingo ya 5: Ifatwa n'ifungwa ry'uregwa</p>	<p><u>CHAPTER ONE:</u> GENERAL PROVISIONS</p> <p>Article 1: Scope of application</p> <p>Article 2: Court with competent jurisdiction to try the cases</p> <p>Article 3: Crimes triable in Rwanda</p> <p>Article 4: Indictment</p> <p>Article 5: Arrest and detention of the accused person</p>	<p><u>CHAPITRE PREMIER :</u> DES DISPOSITIONS GENERALES</p> <p>Article premier: Champ d'application</p> <p>Article 2 : Jurisdiction compétente</p> <p>Article 3 : Crimes susceptibles d'être poursuivis devant les juridiction Rwandaises</p> <p>Article 4 : Actes d'accusation</p> <p>Article 5 : Arrestation et détention de l'accusé</p>

<p>Ingingo ya 6: Uburenganzira bwo guhabwa amakuru</p>	<p>Article 6: Right to information</p>	<p>Article 6 : Droit de l'information</p>
<p><u>UMUTWE WA II: ITANGWA RY'IBIMENYETSO</u></p>	<p><u>CHAPTER II: PRODUCTION OF EVIDENCE</u></p>	<p><u>CHAPITRE II : DE LA PRODUCTION DES PREUVES</u></p>
<p>Ingingo ya 7: Amahame rusange yerekeye ibimenyetso</p>	<p>Article 7: General Principles in evidentiary matters</p>	<p>Article 7 : Principes généraux de la preuve</p>
<p>Ingingo ya 8: Ibyabaye byemejwe na TPIR.</p>	<p>Article 8: Facts established by ICTR</p>	<p>Article 8 : Des faits établis par le TPIR</p>
<p>Ingingo ya 9: Ubuhamya abatanga-buhamya batanze muri TPIR</p>	<p>Article 9: Evidence provided to ICTR by witnesses</p>	<p>Article 9 : Déposition des témoins devant le TPIR</p>
<p>Ingingo ya 10: Ubuhamya bw'impuguke muri TPIR</p>	<p>Article 10: Statements by expert witnesses before the ICTR</p>	<p>Article 10 : Déclarations des témoins experts devant le TPIR</p>
<p>Ingingo ya 11 : Ubuhamya bwahawe abakozi ba TPIR mu gihe cy'iperereza</p>	<p>Article 11: Testimony provided to ICTR officials during investigations</p>	<p>Article 11 : Preuves recueillies par les enquêteurs du TPIR.</p>
<p>Ingingo ya 12: Inyandiko n'ibimenyetso byatanzwe na muganga ufasha inzego z'ubutabera bigakusanywa na TPIR.</p>	<p>Article 12: Documents and forensic evidence collected by ICTR</p>	<p>Article 12 : Documents et preuves médico-légales recueillis par le TPIR</p>
<p><u>UMUTWE WA III: UBURENGANZIRA N'UMUTEKANO</u></p>	<p><u>CHAPTER III: RIGHTS AND SECURITY</u></p>	<p><u>CHAPITRE III : DES DROITS ET DE LA SECURITE</u></p>
<p>Ingingo ya 13 : Uburenganzira bw'urega</p>	<p>Article 13: Guarantee of rights of an accused person</p>	<p>Article 13 : Droits de l'accusé</p>

Ingingo ya 14 : Umutekano w'abatangabuhamya n'inkunga ibagenerwa	Article 14: Protection and assistance to witnesses	Article 14 : Protection et assistance aux témoins
Ingingo ya 15 : Ubwunganizi	Article 15: Defence Counsel	Article 15 : Des Conseils de la Défense
<u>UMUTWE WA IV: UBURURIRE NO GUSUBIRAMO URUBANZA</u>	<u>CHAPTER IV: APPEALS AND CASE REVIEW</u>	<u>CHAPITRE IV : DE L'APPEL ET DE LA REVISION</u>
Ingingo ya 16 : Imanza z'ubujurire	Article 16: Appeals	Article 16 : Appel
Ingingo ya 17: Gusubiramo urubanza	Article 17: Case Review	Article 17 : Révision
<u>UMUTWE WA V: IMIKORANIRE HAGATI YA LETA Y'U RWANDA NA TPIR NYUMA YO KWIMURA IMANZA</u>	<u>CHAPTER V: COLLABORATION BETWEEN THE GOVERNMENT OF RWANDA AND THE ICTR SUBSEQUENT TO TRANSFER OF CASES</u>	<u>CHAPITRE V : RELATIONS ENTRE LE GOUVERNEMENT DU RWANDA ET LE TPIR APRES LE TRANSFERT D'AFFAIRES</u>
Ingingo ya 18 : Inkunga ya TPIR mu rwego rwa tekiniki	Article 18: Technical assistance from the ICTR	Article 18 : De l'assistance technique du TPIR
Ingingo ya 19 : Gukurikirana imanza	Article 19: Monitoring of proceedings	Article 19 : Suivi des instances
Ingingo ya 20 : Kwikura urubanza	Article 20: Deferral	Article 20: Dessaisissement
<u>UMUTWE WA VI: IBIHANO</u>	<u>CHAPTER VI: PENALTIES</u>	<u>CHAPITRE VI : DES PEINES</u>
Ingingo ya 21 : Igihano gisumba ibindi	Article 21: Heaviest penalty	Article 21 : Peine maximale
Ingingo ya 22 : Gukura mu gihano igihe umuntu uhamwe n'icyaha amaze afunze by'agateganyo	Article 22: Credit for time spent in custody	Article 22 : Déduction de la période de détention provisoire

<p>Ingingo ya 23: Ifungwa</p> <p><u>UMUTWE WA VII: INGINGO ZISOZA</u></p> <p>Ingingo ya 24 : Ikoreshwa ry'iri tegeko ngenga mu bindi bibazo byerekeye iyimurwa ry'imanza hagati y'u Rwanda n'ibindi bihugu.</p> <p>Ingingo ya 25 : Iyubahirizwa ry'iri tegeko ngenga</p> <p>Ingingo ya 26 Igihe iri tegeko ngenga ritangira gukurikizwa.</p>	<p>Article 23: Detention</p> <p><u>CHAPTER VII: FINAL PROVISIONS</u></p> <p>Article 24: Applicability of this law to other matters of transfer between Rwanda and other states</p> <p>Article 25 : Application of this Organic Law</p> <p>Article 26: Coming into force of this Organic Law</p>	<p>Article 23 : Conditions de détention</p> <p><u>CHAPITRE VII : DES DISPOSITIONS FINALES</u></p> <p>Article 24 : Applicabilité de la présente loi à d'autres questions relatives au renvoi d'affaires entre le Rwanda et d'autres États</p> <p>Article 25: Application de la présente loi</p> <p>Article 26 : Entrée en vigueur de la présente loi organique.</p>
---	--	---

ITEGEKO NGENGA N° 11/2007 RYO KUWA 16/03/2007 RIGENA KWIMURIRA MURI REPUBULIKA Y’U RWANDA IMANZA ZIVUYE MU RUKIKO MPANABYAHA MPUZAMAHANGA RWASHYIRIWEHO U RWANDA N’IZIVUYE MU BINDI BIHUGU

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO NGENGA RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y’U RWANDA.

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:

Umutwe w’Abadepite mu nama yawo yo kuwa 26 Gashyantare 2007;

Umutwe wa Sena, mu nama yawo yo kuwa 13 Gashyantare 2007;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y’u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003, nk’uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 62, iya 66, iya 67, iya 88, iya 89, iya 90, iya 92, iya 93, iya 94, iya 95, iya 108, iya 118, iya 143, iya 145, iya 149, iya 160, iya 162, iya 190 n’iya 201;

ORGANIC LAW N° 11/2007 OF 16/03/2007 CONCERNING TRANSFER OF CASES TO THE REPUBLIC OF RWANDA FROM THE INTERNATIONAL CRIMINAL TRIBUNAL FOR RWANDA AND FROM OTHER STATES

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING ORGANIC LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA.

THE PARLIAMENT:

The Chamber of Deputies, in its session of February 26, 2007;

The Senate, in its session of February 13, 2007;

Given the Constitution of the Republic of Rwanda of June 4, 2003 as amended to date, especially in its articles 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 94, 95, 108, 118, 143, 145, 149, 160, 162, 190 and 201;

LOI ORGANIQUE N° 11/2007 DU 16/03/2007 RELATIVE AU RENVOI D’AFFAIRES A LA REPUBLIQUE DU RWANDA PAR LE TRIBUNAL PENAL INTERNATIONAL POUR LE RWANDA ET PAR D’AUTRES ETATS

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République ;

LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI ORGANIQUE DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU’ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA.

LE PARLEMENT :

La Chambre des Députés, en sa séance du 26 février 2007;

Le Sénat, en sa séance du 13 février 2007 ;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 4 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 94, 95, 108, 118, 143, 145, 149, 160, 162, 190 et 201;

Ishingiye ku Masezerano y'Umuryango w'Abibumbye yo kuwa 9 Ukuboza 1948 yerekeye gukumira no guhana icyaha cya jenocide yemejwe n'Itegeko- teka n° 08/75 ryo kuwa 12 Gashyantare 1975;

Ishingiye ku Itegeko Ngenga n° 07/2004 ryo kuwa 25/04/2004 rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'Inkiko, nk'uko ryahinduwe kandi ryujijwe kugeza ubu;

Ishingiye ku Itegeko Ngenga n° 03/2004 ryo kuwa 20/03/2004 rigena imiterere, imikorere n'ububasha bw'Ubushinjacyaha, nk'uko ryahinduwe kandi ryujijwe kugeza ubu;

Imaze kubona Amategeko agenga Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga rwashyiriweho u Rwanda, rwitwa "TPIR" mu ngingo zikurikira, n'amategeko yarwo agenga imiburanishirize n'itangwa ry'ibimenyetso;

Imaze kubona Ibyemezo by'Inama Ishinzwe Amahoro ku isi, icy'i 1503 cyo mu 2003 n'icy'i 1504 cyo mu 2004 byerekeye kurangiza imirimo ya TPIR, cyane cyane ibyangombwa bisabwa kugira ngo imanza zimwe zo mu Rukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga rwashyiriweho u Rwanda zimurirwe mu nkiko z'ibihugu birimo n'u Rwanda;

Given United Nations Convention on the Prevention and Punishment of the crime of Genocide of 9 December 1948 ratified by the Decree law n° 08/75 of 12 February 1975;

Given Organic Law n° 07/2004 of 25/04/2004 determining the organization, functioning and jurisdiction of courts as modified and complemented to date;

Given Organic Law n° 03/2004 of 20/03/2004 determining the organization, functioning and powers, of the prosecution service as modified and complemented to date;

Considering Statute of the International Criminal Tribunal for Rwanda (ICTR) and its Rules of Procedure and Evidence;

Considering United Nations Security Council Resolutions 1503 of 2003 and 1504 of 2004 relating to completion of the mandate of the International Criminal Tribunal for Rwanda, and particularly the requirements to transfer cases from the ICTR to national jurisdictions, including Rwanda;

Vu la Convention des Nations Unies pour la prévention et la répression du crime de génocide du 9 décembre 1948 ratifiée par le décret-loi n° 08/75 du 12 février 1975;

Vu la Loi organique n° 07/2004 du 25/04/2004 portant Code d'organisation, fonctionnement et compétence judiciaires telle que modifiée et complétée à ce jour;

Vu la Loi organique n° 03/2004 du 20/03/2004 portant organisation, compétence et fonctionnement du Ministère public telle que modifiée et complétée à ce jour;

Considérant le statut du Tribunal Pénal International pour le Rwanda ci-après dénommé « TPIR » ainsi que son Règlement de procédure et de preuve ;

Considérant les Résolutions 1503 et 1504 du Conseil de Sécurité des Nations Unies respectivement adoptées en 2003 et 2004 et relatives à l'achèvement des travaux du Tribunal Pénal International pour le Rwanda et plus particulièrement les conditions requises pour le transfert de certaines affaires aux juridictions nationales, y compris celles du Rwanda;

YEMEJE:

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

Ingingo ya mbere: Ibirebwa n'iri tegeko ngenga

Iri tegeko ngenga rigena kwimurira muri Repubulika y'u Rwanda imanza zivuye muri TPIR n'izivuye mu bindi bihugu n'ibindi bibazo bijyana n'iryo yimurwa.

Iri tegeko ngenga rinagena uburyo ibimenyetso byakusanyijwe na TPIR byakirwa mu manza ziburanishirizwa mu Rwanda mu Rukiko rubifitiye ububasha.

Ingingo ya 2: Urukiko rufite ububasha bwo kuburanisha izo manza

N'ubwo andi mategeko yabiteganya ukundi, Urukiko Rukuru rwa Repubulika rufite ububasha bwo kuburanisha ku rwego rwa mbere imanza zimuriwe mu Rwanda nk'uko biteganywa n'iri tegeko ngenga.

Ku rwego rwa mbere, urubanza ruburanishwa n'umucamanza umwe.

ADOPTS:

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

Article one: Scope of application

This Organic Law shall regulate the transfer of cases and other related matters, from the International Criminal Tribunal for Rwanda and from other States to the Republic of Rwanda.

This Organic Law shall also determine the procedures of admissibility of evidence in Rwanda collected by the ICTR in proceedings before a competent court.

Article 2: The Court with competent jurisdiction to try the cases

Notwithstanding any other law to the contrary, the High Court of the Republic shall be the competent court to conduct on the first instance the trial of cases transferred to Rwanda as provided by this organic law.

At the first instance, the case shall be tried by a single Judge.

ADOPTÉ :

CHAPITRE PREMIER : DES DISPOSITIONS GENERALES

Article premier: Du champ d'application

La présente loi organique s'applique au transfert au Rwanda d'affaires provenant du Tribunal Pénal International pour le Rwanda (TPIR) et d'autres pays et à toutes les questions y relatives.

Elle détermine également les modalités d'admissibilité devant les juridictions rwandaises compétentes des preuves recueillies par le TPIR.

Article 2: Jurisdiction compétente

Nonobstant toutes dispositions légales contraires, la Haute Cour de la République est compétente pour connaître en premier ressort des affaires transférées au Rwanda en vertu de la présente Loi organique.

La Cour statue en premier ressort à juge unique.

Ingingo ya 3: Ibyaha bishobora gukurikiranwa mu nkiko zo mu Rwanda

Hatitawe ku biteganywa n'andi mategeko asanzwe akurikizwa mu Rwanda, abaregwa mu manza zimuriwe mu Rwanda zivuye muri TPIR bakurikiranwaho gusa ibyaha TPIR ifitiye ububasha.

Ingingo ya 4: Inyandiko y'ibirego

Ibiro by'Umushinjacyaha Mukuru wa Repubulika bifata inyandiko y'ibirego yakozwe na TPIR bikayihuza n'ibiteganywa n'Igitabo cy'amategeko agenga imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha mu Rwanda, bikayishyikiriza Perezida w'Urukiko Rukuru rwa Repubulika.

Urukiko Rukuru rwa Repubulika rwemera inyandiko y'ikirego ari uko rumaze gusuzuma niba ikozwe mu buryo buteganywa n'Igitabo cy'amategeko agenga imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha mu Rwanda.

Ingingo ya 5: Ifatwa n'ifungwa by'uregwa

Uretse iyo iri tegeko ngenga ribiteganywa ukundi, abaregwa bafatwa kandi bagafungwa nk'uko biteganywa n'Igitabo cy'amategeko agenga imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha mu Rwanda.

Article 3: Crimes triable in Rwanda

Notwithstanding the provisions of other laws applicable in Rwanda, a person whose case transferred by the ICTR to Rwanda shall be liable to be prosecuted only for crimes falling within the jurisdiction of the ICTR.

Article 4: Indictment

The Prosecutor General's Office of the Republic shall adapt the ICTR indictment in order to make them compliant with the provisions of the Code of Criminal Procedure of Rwanda, and it shall be forwarded to the President of the High Court of the Republic.

The High Court of the Republic shall accept the indictments after verifying they fulfill the formal requirements of the Code of Criminal Procedure of Rwanda.

Article 5: Arrest and detention of the accused person

Except as otherwise provided in this Organic Law, the arrest and detention of the accused persons shall be regulated in accordance with the Code of Criminal Procedure of Rwanda.

Article 3 : Crimes susceptibles d'être poursuivis par les juridictions rwandaises

Nonobstant les dispositions d'autres lois en vigueur au Rwanda, les personnes dont les dossiers sont transférés au Rwanda en provenance du TPIR ne peuvent être poursuivies que pour les crimes relevant de la compétence de ce dernier.

Article 4 : Acte d'accusation

Le Bureau du Procureur Général de la République harmonise l'acte d'accusation établi par le TPIR avec les dispositions du Code de procédure pénale rwandais et le transmet au Président de la Haute Cour de la République.

La Haute Cour de la République accepte l'acte d'accusation après s'être assurée qu'il a été établi conformément aux conditions de forme prescrites par le Code de procédure pénale rwandais.

Article 5 : Arrestation et détention de l'accusé

Sauf dispositions contraires de la présente Loi organique, l'arrestation et la détention des personnes accusées se fait conformément au Code de procédure pénale rwandais.

Ingingo ya 6: Uburenganzira bwo guhabwa amakuru

Mu gihe cy'iminsi icumi (10) uherye igihe icyemezo cy'Urukiko Rukuru rwa Repubulika cyafatiwe, Umwanditsi Mukuru w'urwo Rukiko amenyesha icyo cyemezo Umushinjacyaha wa TPIR hakurikijwe iri tegeko ngenza.

UMUTWE WA II: ITANGWA RY'IBIMENYETSO

Ingingo ya 7: Amahame rusange yerekeye ibimenyetso

Ibimenyetso byakusanyijwe hakurikijwe Sitati n'Amategeko Agenga Imiburanishirize n'Itangwa ry'ibimenyetso bya TPIR bishobora gukoreshwa mu manza ziburanishwa n'Urukiko Rukuru rwa Repubulika.

Urukiko Rukuru rwa Repubulika ntirushobora guhamya umuntu icyaha rushingiye gusa ku buhamya bwanditse bwatanzwe mbere n'abatangabuhamya batigeze batanga ubuhamya mu iburanisha.

Icyakora, urukiko rushobora guhamya umuntu icyaha rushingiye ku gaciro k'ubwo buhamya bwanditse iyo ubwo buhamya bufite ubundi bubushyigikira.

Article 6: Right to information

Within a period of ten (10) days, from the time when the High Court of the Republic makes a decision, the Registrar of the High Court shall notify the Prosecutor of the ICTR of the decision made in accordance with this Organic Law.

CHAPTER II: PRODUCTION OF EVIDENCE

Article 7: General Principles in evidentiary matters

Evidence collected in accordance with the Statute and the Rules of Procedure and production of evidence of ICTR may be used in proceedings before the High Court of the Republic.

The High Court of the Republic shall not convict a person solely on written statements of witnesses who did not give oral evidence during the trial.

However, the High Court of the Republic may convict a person on the probative value of a written statement if it is corroborated by other witnesses.

Article 6 : Droit à l'information

Le greffier de la Haute Cour de la République communique, conformément à la présente Loi organique, au Procureur du TPIR toute décision rendue par cette juridiction dans un délai de dix (10) jours à compter de la date de la prise de la décision.

CHAPITRE II : DE LA PRODUCTION DES PREUVES

Article 7 : Principes généraux de la preuve

Les éléments de preuve recueillis conformément au Statut et au Règlement de procédure et de preuve du TPIR sont recevables devant la Haute Cour de la République.

La Haute Cour de la République ne peut condamner une personne en se fondant uniquement sur des déclarations écrites antérieures des témoins qui n'ont pas déposé au cours du procès.

Toutefois, si une déclaration écrite faite antérieurement au procès est corroborée par d'autres témoins au procès, la Haute Cour de la République peut statuer en s'y fondant.

Ingingo ya 8: Ibyabaye byemejwe na TPIR

Rubisabwe n'umuburanyi cyangwa rubyibwirije kandi rumaze kumva icyo ababuranyi babivugaho, Urukiko Rukuru rwa Repubulika rushobora kwemera ibyabaye byemejwe na TPIR cyangwa rukemera kwakira ubuhamya bugizwe n'inyandiko buvuye mu manza zaciwe na TPIR kandi bwerekeye ibivugwa mu rubanza ruburanishwa.

Ingingo ya 9: Ubuhamya abatangabuhamya batanze muri TPIR

Inyandikomvugo z'ubuhamya bwatanze muri TPIR hamwe n'inyandiko z'ubuhamya butatangiwe mu rukiko, hakurikijwe Amategeko Agenga Imiburanishirize n'Itangwa ry'Ibimenyetso, byakirwa n'Urukiko Rukuru rwa Repubulika, ubwo buhamya cyangwa izo nyandiko z'ubuhamya bipfa kuba bifitanye isano n'ikiburanwa. Urukiko Rukuru rwa Repubulika rushobora kutakira ubuhamya bwatanze n'umutangabuhamya urindiwe umutekano iyo bubangamiye umuburanyi kurusha uko buhamya ingingo igibwaho impaka mu rukiko.

Iyi ingingo ntivutsa uregwa uburenganzira afite bwo gusaba ko abatangabuhamya bavugwa mu gika cya mbere cy'iyi ingingo bahamagazwa mu rukiko, kugira ngo babazwe ibibazo binyomoza.

Iyo ubuhamya umutangabuhamya urindiwe umutekano yatanze mu rukiko cyangwa hanze bushyizwe muri dosiye y'urubanza, umwirondoro w'uwabutanze ntutangarizwa rubanda, keretse iyo bitangiwe uruhushya na

Article 8: Facts established by ICTR

The High Court of the Republic, at the request of a party, or on its own motion and after hearing of the parties, may accept facts established by the ICTR or may accept documentary evidence from proceedings of the ICTR relating to the matters referred to in the case under trial.

Article 9: Evidence provided to ICTR by witnesses

Statements of testimonies of witnesses given before the ICTR and records of depositions of witnesses made before the ICTR in accordance with the ICTR Procedure and evidence, shall be admissible before the High Court of the Republic provided that the testimony or deposition is relevant to a fact in issue. The High Court may exclude evidence given by a witness under protective measures where its probative value is outweighed by its prejudicial value.

Nothing in this provision shall prejudice the right of the accused to request the attendance of witnesses as referred to in Paragraph One of this Article for the purpose of cross-examination.

When the testimony or deposition of a witness, who was subject to a protection order of the ICTR, is admitted into the record, the identity of the witness shall not be disclosed to the public unless the ICTR or the witness authorizes such

Article 8 : Faits établis par le TPIR

A la demande d'une partie ou de sa propre initiative, la Haute Cour de la République, après audition des parties, peut décider de considérer comme prouvés des faits établis par des décisions rendues par le TPIR ou d'ajouter foi à des moyens de preuve documentaires qui ont été admis dans d'autres affaires rendues par le TPIR et qui sont en rapport avec les affaires dont elle est saisie.

Article 9 : Déposition des témoins devant le TPIR

Les procès-verbaux de dépositions des témoins devant le TPIR et l'acte de déclarations des témoins hors audience rédigés conformément à son Règlement de Procédure et de Preuve sont admissibles devant la Haute Cour de la République pourvu qu'ils soient en rapport avec les faits en cause. La Haute Cour de la République peut exclure la preuve d'un témoin bénéficiant de mesures de protection si la valeur probante de cette preuve défavorise une partie au procès et a moins d'effet sur les questions préjudicielles

Le présent article ne porte pas préjudice au droit de l'accusé de demander la comparution des témoins visés à l'alinéa premier du présent article en vue de leur contre-interrogatoire.

Lorsque la déposition d'un témoin bénéficiant de mesures de protection, faite à l'audience ou non, est versée au dossier de l'affaire, l'identité du témoin ne peut être divulguée au public que sur autorisation du TPIR ou de l'intéressé. En cas de citation du témoin

TPIR cyangwa nyir'ubwite. Iyo uwo mutangabuhamya ahamagajwe kugira ngo abazwe ibibazo binyomoza, rubanda ntimenyeshwa ko yatanze ubuhamya muri TPIR keretse iyo bitangiwe uruhushya na TPIR cyangwa nyir'ubwite.

Ingingo ya 10: Ubuhamya bw'impuguke muri TPIR

Ubuhamya bw'impuguke bwashyizwe muri dosiye y'urubanza mu Rugereko rwa Mbere rw'Iremezo rwa TPIR bwemerwa nk'ubuhamya mu manza nshinjabyaha zibera mu Rukiko Rukuru rwa Repubulika bitabaye ngombwa ko iyo mpuguke ihamagazwa mu rubanza.

Iyo ubuhamya bw'impuguke buvugwa mu gika cya mbere cy'iyi ingingo bushyizwe muri dosiye y'urubanza, bufatwa nk'ubuhamya ku cyabaye cyangwa igitekerezo iyo mpuguke yari gutanga mu rukiko.

Hakurikijwe ingingo ya 6 y'iri Tegeko Ngenga, Urukiko Rukuru rwa Repubulika rwakira muri dosiye y'urubanza ubuhamya bw'impuguke hashingiwe ku nyandikomvugo z'ubuhamya iyo mpuguke yatangiye mu Rugereko rwa Mbere rw'Iremezo rwa TPIR mu rundi rubanza.

Icyakora, iyo mpuguke igomba kuba yaramenyeshwe mbere uburenganzira n'inshingano byayo ku birebana n'ubwo buhamya bwayo, kandi ubuhamya bugomba kuba busobanura ibyabaye cyangwa ibitarabaye bifitanye isano n'urubanza ruburanishwa.

disclosure. If such a witness is called for cross-examination, the fact that the individual testified at the ICTR will not be disclosed to the public unless authorized by the ICTR or the witness.

Article 10: Statement by expert witnesses before the ICTR

The statement of an expert witness entered into the case file in any proceedings before the first Trial Chamber of the ICTR shall be admissible as evidence in criminal proceedings conducted in the High Court of the Republic without the appearance of the expert witness in the proceedings.

If the statement of an expert witness mentioned in Paragraph One of this Organic Law is admitted in the case file, it shall be admitted as evidence of fact or as an opinion the expert would have provided in the court.

Pursuant to Article 6 of this Organic Law, the High Court of the Republic shall admit in the file an expert witness testimony basing on the statements the expert adduced in the first instance Trial Chamber of ICTR in another case.

However, the expert is required to have been previously informed of his or her rights and obligations regarding his or her testimony and the testimony shall specify on the existence or non-existence of facts relevant to the case under trial.

en vue de son contre-interrogatoire, le fait qu'il a déposé devant le TPIR ne peut être divulgué au public que sur autorisation du TPIR ou de l'intéressé.

Article 10: Déclarations des témoins experts devant le TPIR

La déclaration d'un témoin expert versée au dossier dans une affaire portée devant une Chambre de première instance du TPIR est admissible en preuve dans les affaires pénales portées devant la Haute Cour de la République sans que la comparution du témoin expert soit nécessaire.

Une fois versée au dossier, la déclaration d'un témoin expert visée à l'alinéa premier du présent article fait preuve de ce que son auteur aurait pu dire à la barre, qu'il s'agisse d'un fait ou d'une opinion.

Conformément à l'article 6 de la présente Loi Organique, la Haute Cour de la République admet la déposition d'un témoin expert sur la base des comptes rendus de ce qu'il a déclaré à la barre devant une Chambre de première instance du TPIR dans une autre affaire.

Toutefois, cet expert doit avoir été préalablement informé de ses droits et obligations concernant sa déposition et celle-ci doit porter sur l'existence ou non de faits qui se rapportent eux-mêmes à l'affaire sous examen.

Iyi ngingo ntivutsa uregwa uburenganzira bwo gusaba ko impuguke ivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ihamagazwa mu rukiko kugira ngo ibazwe ibibazo binyomoza, cyangwa guhamagaza impuguke imushinjura kugira ngo anyomoze ubuhamya indi mpuguke yatangiye muri TPIR.

Ingingo ya 11: Ubuhamya bwahawe abakozi ba TPIR mu gihe cy'iperereza

Inyandikomvugo z'ubuhamya zisinye zakozwe n'abakozi ba TPIR mu gihe cy'iperereza zishobora gushyirwa muri dosiye y'urubanza nk'ikimenyesto nk'uko ikimenyetso nk'icyo cyakwakirwa hakurikijwe ibiteganywa n'Igitabo cy'amategeko agenga imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaba mu Rwanda.

Umukozi wa TPIR wakoze ipererereza ashobora no kubazwa ku buryo ipererereza ryakozwe ndetse no ku makuru yakusanyijwe ubwo ryakorwaga.

Iyo inyandiko isinye y'ubuhamya bw'umutangabuhamya urindiwe umutekano na TPIR bushyizwe muri dosiye y'urubanza cyangwa umukozi wa TPIR wakoze ipererereza, akabazwa kuri ubwo buhamya, umwirondoro w'uwo mutangabuhamya ntutangazwa, keretse iyo bitangiwe uruhushya na TPIR cyangwa umutangabuhamya ubwe. Inyandiko y'ubuhamya yakiriwe n'ukora ipererereza wa TPIR ntishobora gukoreshwa mu gushinja uwabutanze mu manza zibera mu nkiko z'u Rwanda iyo uwakoze ipererereza atasobanuriye uwo mutangabuhamya uburenganzira bwe.

This Article shall not deny the accused person of the right to request for the summoning of an expert witness referred to in Paragraph One of this Article for cross-examination or to call an expert witness to challenge the statement of another expert witness given before the ICTR.

Article 11: Testimony provided to ICTR officials during investigations

A transcript of signed statements given to ICTR officials during investigations may be admitted as evidence and in a manner that similar evidence would be admitted under the Code of Criminal Procedure of Rwanda.

The relevant investigator of the ICTR may also be examined with regard to the circumstances of the investigations conducted and information obtained during when it was being conducted.

When the signed statement of a witness, who is subject to protection by ICTR is admitted into the record, or an official of ICTR who conducted the investigation is asked on such a statement, the identity of the witness shall not be disclosed unless the ICTR or the witness authorizes such disclosure. No signed statement taken from a witness by an ICTR investigator shall be used to incriminate the witness in any proceedings before Rwandan courts in case the investigator did not explain to the witness about his or her rights.

Le présent article ne porte pas préjudice au droit de l'accusé de demander la comparution du témoin expert visé à l'alinéa premier du présent article en vue de son contre-interrogatoire ou encore de citer son témoin expert à décharge dans le but de contredire la déclaration faite par le témoin expert devant le TPIR.

Article 11 : Preuves recueillies par les enquêteurs du TPIR

Le compte rendu des déclarations signées faites lors d'enquêtes menées par des fonctionnaires du TPIR peut être admis à titre de preuve de la même façon qu'un tel moyen de preuve serait admis conformément au Code de procédure pénale du Rwanda.

L'enquêteur du TPIR concerné peut aussi être interrogé sur les circonstances dans lesquelles s'est déroulée l'enquête et sur les informations recueillies à cette occasion.

Lorsque la déclaration signée d'un témoin bénéficiant de mesures de protection du TPIR est versée au dossier ou que l'enquêteur du TPIR qui l'a recueillie est interrogé à son sujet, l'identité du témoin ne peut être divulguée au public que sur autorisation du TPIR ou de l'intéressé. Aucune déclaration signée d'un témoin recueillie par un enquêteur du TPIR qui n'a pas informé le témoin de ses droits ne peut servir à l'incriminer devant les juridictions rwandaises.

Ibazwa ry'umukozi w'iperereza wa TPIR rigomba gukorwa haseguriwe ibiteganywa n'Amasezerano y'i Vienne yo ku wa 13 Gashyantare 1946 yerekeye Uburenganzira bwihariye n'ubudahangarwa by'Umuryango w'Abibumbye, ateganya ko abakozi b'Umuryango w'Abibumbye badashobora gukurikiranwa n'inkiko, Umunyamabanga Mukuru w'Umuryango w'Abibumbye atabanje kuvanaho ubudahangarwa bahabwa n'ayo Masezerano.

Ingingo ya 12 :Inyandiko n'ibimenyetso byatanzwe na muganga ufasha inzego z'ubutabera bigakusanywa na TPIR

Urukiko Rukuru rwa Repubulika rushobora gukoresha inyandiko z'umwimerere cyangwa kopi yazo yemejwe ko ihwanye n'umwimerere cyangwa ibimenyetso byatanzwe na muganga cyangwa indi nzobere, bigakusanywa na TPIR, rukabifata nk'ibyakusanyijwe n'inzego zibishinzwe mu gihugu.

UMUTWE WA III: UBURENGANZIRA N'UMUTEKANO

Ingingo ya 13 : Uburenganzira bw'uregwa

Haseguriwe ubundi burenganzira butangwa n'amategeko yo mu Rwanda arimo Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 4 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu cyangwa amategeko yerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha mu Rwanda n'Amasezerano Mpuzamahanga yerekeye

The examination of the ICTR investigator is expressly conducted subject to the Vienna Convention on the Privileges and Immunities of the United Nations of 13 February 1946, which provides that UN Staff are not subject to legal process unless the UN Secretary General has waived the immunity provided by the Convention.

Article 12: Documents and Forensic Evidence collected by ICTR

The High Court of the Republic may use original documents or their certified copies or forensic evidence provided by a doctor, or an expert and which are collected by ICTR and they shall be used by the High Court of the Republic and treated as if they were obtained by relevant national authorities.

CHAPTER III: RIGHTS AND SECURITY

Article 13: Guarantee of rights of an accused person

Without prejudice to other rights guaranteed under the laws of Rwanda, including the Constitution of the Republic of Rwanda of June 4, 2003 as amended to date or Laws relating to the Code of Criminal Procedure of Rwanda and the International Covenant on Civil and Political Rights, as ratified by the Decree Law n° 08/75 of

L'interrogatoire d'un enquêteur du TPIR se fait expressément sous réserve de la Convention de Vienne sur les privilèges et immunités des Nations Unies du 13 février 1946 prévoyant que les fonctionnaires de l'Organisation des Nations Unies jouissent de l'immunité de juridiction à moins que le Secrétaire général des Nations Unies ne lève l'immunité que leur confère la Convention.

Article 12 : Documents et preuves médico-légales recueillis par le TPIR

La Haute Cour de la République peut utiliser les originaux ou copies certifiées conformes des documents et des preuves médico-légales ou les témoignages d'autres experts recueillis par le TPIR et les traiter comme s'ils avaient été recueillis par les organes nationaux compétents.

CHAPITRE III : DES DROITS ET DE LA SECURITE

Article 13 : Droits de l'accusé

Sous réserve d'autres droits reconnus par la législation rwandaise, y compris la Constitution de la République du Rwanda du 4 juin 2003 telle que révisée à ce jour, ou le Code de procédure pénale du Rwanda et le Pacte international relatif aux droits civils et politiques, tel que ratifié par le décret-loi n° 08/75 du 12 février 1975, les droits qui suivent sont

<p>uburenganzira mu by'imbenezamubano no mu bya politiki, nk'uko yemejwe n'Itegeko- teka n° 08/75 ryo kuwa 12 Gashyantare 1975, uregwa mu rubanza rwimuriwe mu Rwanda ruvuye muri TPIR, afite uburenganzira bukurikira:</p>	<p>February 12, 1975, the accused person in the case transferred by ICTR to Rwanda is guaranteed the following rights:</p>	<p>garantis à l'accusé dans le cadre des affaires déferées au Rwanda par le TPIR :</p>
<p>1° kuburanishwa mu ruhamwe kandi mu buryo butabogamye;</p>	<p>1° the accused shall be entitled to a fair and public hearing;</p>	<p>1° il a droit à ce que sa cause soit entendue équitablement et publiquement;</p>
<p>2° gufatwa nk'umwere kugeza igihe ahamwe n'icyaha;</p>	<p>2° the accused shall be presumed innocent until proved guilty;</p>	<p>2° il est présumé innocent jusqu'à ce que sa culpabilité ait été établie;</p>
<p>3° kumenyeshwa bidatinze, mu rurimi yumva kandi mu magambo arambuye, imiterere n'ishingiro ry'ibyo aregwa;</p>	<p>3° the accused shall be informed promptly and in detail in a language which he or she understands, of the nature and the cause of the charge against him;</p>	<p>3° il est informé dans le plus court délai, dans une langue qu'il comprend et de façon détaillée, de la nature et des motifs de l'accusation portée contre lui;</p>
<p>4° guhabwa igihe n'ibyangombwa bikwiriye kugira ngo ategure imyiregurire ye;</p>	<p>4° the accused shall be given adequate time and facilities to prepare his defense;</p>	<p>4° il dispose du temps et des facilités nécessaires à la préparation de sa défense;</p>
<p>5° kuburanishwa bidatinze;</p>	<p>5° the accused shall be entitled to a speedy trial without undue delay;</p>	<p>5° il est jugé sans retard injustifié;</p>
<p>6° kunganirwa na avoka yihitiyemo mu ibazwa iryo ari ryo ryose. Igihe nta bushobozi afite bwo kumuhamba ahabwa umwunganira;</p>	<p>6° the accused shall be entitled to counsel of his choice in any examination. In case he or she has no means to pay, he or she shall be entitled to a legal representation;</p>	<p>6° il a droit à bénéficier, pour toute interrogatoire, de l'assistance d'un défenseur de son choix et, s'il est indigent, à se voir attribuer, sans frais, un défenseur indépendant;</p>
<p>7° kuburanishwa ahibereye;</p>	<p>7° the accused shall have the right to be tried in his or her presence;</p>	<p>7° il a le droit d'être présent au procès;</p>
<p>8° kwibariza, cyangwa kugira umubariza, abatangabuhamya bamushinja;</p>	<p>8° to examine, or have a person to examine for him or her the witnesses against him;</p>	<p>8° il a droit d'interroger ou de faire interroger les témoins à charge;</p>
<p>9° gutanga abatangabuhamya bamushinjura kandi bakabazwa mu buryo bumwe n'ubw'abamushinja;</p>	<p>9° to obtain the attendance and examination of witnesses on his behalf under the same conditions as witnesses against him or her;</p>	<p>9° il a droit d'obtenir la comparution et l'interrogatoire des témoins à décharge dans les mêmes conditions que les témoins à charge;</p>

10° kwifata no kudahatirwa kuvuga ikintu cyamushinja.

Ingingo ya 14: Umutekano w'abatangabuhamya n'inkunga ibagenerwa

Mu manza zimuriwe mu Rwanda zivuye muri TPIR, Urukiko Rukuru rwa Repubulika rugena uburyo bukwiye bwo kurinda umutekano w'abatangabuhamya, kandi rufite ububasha bwo gutegeka ko hashyirwaho ingamba zo kubarindira umutekano zimeze kimwe n'izivugwa mu ngingo ya 53, iya 69 n'ya 75 z'Amategeko Agenga Imiburanishirize n'Itangwa ry'Ibimenyetso ya TPIR.

Mu manza zimuriwe mu Rwanda zivuye muri TPIR, Umushinjacyaha Mukuru wa Repubulika agomba korohereza abatangabuhamya kuza gutanga ubuhamya bwabo, barimo ababa mu mahanga. Abafasha kubona impapuro za ngombwa zo kwinjira mu gihugu, yita ku mutekano wabo, ndetse anabaha inkunga mu byerekeye ubuzima n'ibyabarinda ihungabana.

Abatangabuhamya bose baturuka mu mahanga baza mu Rwanda gutanga ubuhamya mu manza zimuriwe mu Rwanda zivuye muri TPIR, bafite ubudahangarwa bwo kudasakwa, kudafatirwa ibyabo, kudafatwa cyangwa kudafungwa mu gihe batanga ubuhamya, no mu ngendo zabo baza cyangwa barangije gutanga ubuhamya. Urukiko Rukuru rwa Repubulika rushobora gushyiraho uburyo bukwiye ku bijyanye n'uburenganzira bw'umutangabuhamya bwo kuba mu gihugu mu mutekano. Muri ubwo buryo harimo kugena ibyo atagomba kurengaho igihe agenda mu gihugu, kugena igihe amara mu gihugu n'igihe cyo kugisohokamo.

10° The accused shall have the right to remain silent and not to be compelled to incriminate him or herself.

Article 14: Protection and assistance to Witnesses

In the trial of cases transferred from the ICTR, the High Court of the Republic shall provide appropriate protection for witnesses and shall have the power to order protective measures similar to those set forth in Articles 53, 69 and 75 of the ICTR Rules of Procedure and Evidence.

In the trial of cases transferred from the ICTR, the Prosecutor General of the Republic shall facilitate the witnesses in giving testimony including those living abroad, by the provision of appropriate immigration documents, personal security as well as providing them with medical and psychological assistance.

All witnesses who travel from abroad to Rwanda to testify in the trial of cases transferred from the ICTR shall have immunity from search, seizure, arrest or detention during their testimony and during their travel to and from the trials. The High Court of the Republic may establish reasonable conditions towards a witness's right of safety in the country. As such there shall be determination of limitations of movements in the country, duration of stay and travel.

10° il a droit de garder le silence et de ne pas être contraint à s'incriminer;

Article 14 : Protection et assistance des témoins

Dans les affaires transférées au Rwanda par le TPIR, la Haute Cour de la République assure une protection appropriée aux témoins et est habilitée à prescrire les mêmes mesures de protection que celles qui sont prévues aux articles 53, 69 et 75 du Règlement de Procédure et de Preuve du TPIR.

Dans les affaires transférées au Rwanda par le TPIR, le Procureur Général de la République assure les dépositions des témoins, y compris ceux qui demeurent à l'étranger, en leur facilitant l'obtention des documents d'immigration requis, en veillant à leur sécurité personnelle et en leur prodiguant une assistance médicale et psychologique.

Tous les témoins venant de l'étranger pour témoigner au Rwanda dans le cadre des affaires transférées par le TPIR ne peuvent être soumis à des mesures de fouille, de saisie, d'arrestation ou de détention pendant qu'ils témoignent et pendant leur voyage aller et retour. La Haute Cour de la République peut imposer des conditions raisonnables au droit du témoin à un sauf-conduit et notamment assortir de restrictions ses déplacements et la durée de son séjour et de son voyage.

Ingingo ya 15 : Ubwunganizi

Haseguriwe ibiteganywa n'andi mategeko y'u Rwanda, avoka n'abafasha be bafite uburenganzira bwo kwinjira mu Rwanda no kugenda mu gihugu mu bwisanzure bakora imirimo bashinzwe. Ntibashobora gusakwa, ibintu byabo ntibishobora gufatirwa, ntibashobora gufatwa cyangwa gufungwa mu gihe bakora imirimo yabo ijyanye n'amategeko.

Avoka n'abafasha be, babyisabiye, barindirwa umutekano.

UMUTWE WA IV: UBUJURIRE NO GUSUBIRAMO URUBANZA

Ingingo ya 16 : Imanza z'ubujurire

Umushinjacyaha n'Uregwa bafite bombi uburenganzira bwo kujuririra icyemezo icyo ari cyo cyose cyafashwe n'Urukiko Rukuru rwa Repubulika mu gihe hari imwe cyangwa zose mu mpamvu zikurikira:

- 1° ukwibeshya gushingiye ku ngingo y'itegeko gutuma icyo cyemezo gita agaciro, cyangwa;
- 2° ukwibeshya gushingiye ku byabaye kwatumye urubanza rucibwa nabi.

Urukiko rw'Ikirenga rushobora kwemeza ibyemezo byose by'Urukiko Rukuru rwa Repubulika cyangwa bimwe muri byo, cyangwa kutabyemeza byose. Iyo bibaye ngombwa, rushobora gutegeka Urukiko Rukuru rwa Repubulika ko urubanza rusubirwamo.

Article 15: Defence Counsel

Without prejudice to the provisions of other laws of Rwanda, Defence Counsel and their support staff shall have the right to enter into Rwanda and move freely within Rwanda to perform their duties. They shall not be subject to search, seizure, arrest or detention in the performance of their legal duties.

The Defence Counsel and their support staff shall, at their request, be provided with appropriate security and protection.

CHAPTER IV: APPEALS AND CASE REVIEW

Article 16: Appeals

Both the prosecution and the accused have the right to appeal against any decision taken by the High Court of the Republic upon one or all of the following grounds:

- 1° an error on a question of law invalidating the decision, or;
- 2° an error of fact which has occasioned a miscarriage of justice.

The Supreme Court may uphold or invalidate some or all of the decisions of the High Court of the Republic. Where necessary, it may order the High Court of the Republic to review the case.

Article 15: Conseils de la Défense

Sous réserve des dispositions d'autres lois rwandaises, les conseils de la défense et leur personnel d'appui ont le droit d'entrer au Rwanda et de s'y déplacer librement dans le cadre de l'exercice de leur profession. Ils ne peuvent être soumis à des mesures de fouille, de saisie, d'arrestation ou de détention du fait de l'exercice régulier de leurs fonctions.

Il est accordé au Conseil de la défense et à son personnel d'appui, à leur demande, des mesures de sécurité et de protection adéquates.

CHAPITRE IV : DE L'APPEL ET DE LA REVISION

Article 16 : Appel

Le Ministère public et l'accusé ont chacun le droit d'interjeter appel de toute décision rendue par la Haute Cour de la République pour l'un ou tous les motifs suivants:

- 1° erreur sur un point de droit qui invalide la décision, ou;
- 2° erreur de jugement fondé sur des faits inexacts.

La Cour suprême peut confirmer ou infirmer l'une ou toutes les décisions de la Haute Cour de la République. Elle peut, s'il y a lieu, ordonner à la Haute Cour de la République de réviser le procès.

Ingingo ya 17: Gusubiramo urubanza

Iyo hari umuburanyi usabye gusubirishamo urubanza ingingo nshya hakurikijwe ingingo ya 180 n'izindi ngingo z'itegeko ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha, Perezida w'Urukiko Rukuru rwa Repubulika ashiraho inteko y'abacamanza batatu (3) bo mu Rukiko Rukuru rwa Repubulika ishinzwe gufata icyemezo ku cyifuzo gisaba gusubirishamo urubanza ingingo nshya urwo Rukiko rwaburanishije. Gusubirishamo urubanza ingingo nshya bikorwa hakurikijwe ingingo zibiteganywa z'amategeko agenga imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha mu Rwanda ndetse n'ingingo z'itegeko rigenga imitunganyirize, imikorere n'ububasha by'Inkiko mu Rwanda.

Asanze ari ngombwa, Perezida w'Urukiko Rukuru rwa Repubulika ashobora gushyira umucamanza waburanishije urwo rubanza mu nteko y'abacamanza bashyizweho, kugira ngo bafate icyemezo ku cyifuzo gisaba gusubirishamo urubanza ingingo nshya.

UMUTWE WA V: IMIKORANIRE HAGATI YA LETA Y'U RWANDA NA TPIR NYUMA YO KWIMURA IMANZA

Ingingo ya 18 : Inkunga ya TPIR mu rwego rwa tekini

Leta y'u Rwanda ishobora kwakira inkunga ya TPIR yo mu rwego rwa tekini kugira ngo ishobore gutunganywa ibikenewe mu manza zimuriwe mu Rwanda.

Article 17: Case review

The President of the High Court of the Republic shall, upon an application by a party in accordance with Article 180 and other provisions of the law relating to the Code of the Criminal Procedure, basing on new arguments, constitute a bench composed of three (3) judges in the High Court of the Republic in charge of taking a decision on the application for a review of case with new arguments the same court had tried. The review proceedings with new arguments shall be conducted pursuant to the relevant provisions of the Code of Criminal Procedure of Rwanda as well as the provisions of the Law determining the Organization, Functioning and Jurisdiction of Courts in Rwanda.

The President of the High Court of the Republic may, if considered necessary, assign the judge who heard the case with the designated bench of judges in a case which he tried in order to take a decision on the case for which was requested for review with new arguments.

CHAPTER V: COLLABORATION BETWEEN THE GOVERNMENT OF RWANDA AND THE ICTR SUBSEQUENT TO TRANSFER OF CASES

Article 18: Technical Assistance from the ICTR

The Government of Rwanda may benefit from technical assistance from the ICTR to meet the needs arising from the transfer of cases to Rwanda.

Article 17 : Révision

En cas de recours en révision formée conformément à l'article 180 et des autres dispositions applicables du Code de procédure pénal, le Président de la Haute Cour de la République désigne un siège composé de trois (3) juges de la Haute Cour de la République qui seront chargés de statuer sur la révision.

La révision se fait conformément aux dispositions pertinentes du Code de procédure pénale et de la Loi portant code d'organisation, fonctionnement et compétence judiciaires du Rwanda.

Le juge qui a examiné l'affaire peut, si le Président de la Haute Cour de la République le juge nécessaire, faire partie du siège constitué pour statuer sur la requête en révision.

CHAPITRE V : RELATIONS ENTRE LE GOUVERNEMENT DU RWANDA ET LE TPIR AU LENDEMAIN DU TRANSFERT D'AFFAIRES

Article 18 : Assistance technique du TPIR

Afin de répondre aux exigences découlant du transfert des affaires au Rwanda, le Gouvernement rwandais peut bénéficier de l'assistance technique du TPIR.

Ingingo ya 19 : Gukurikirana imanza

Hakurikijwe ingingo ya 11 bis D) iv) y'Amategeko Agenga Imiburanishirize n'Itangwa ry'Ibimenyetso ya TPIR, Umushinjacyaha wa TPIR ashobora gushyiraho abantu bashinzwe gukurikirana imiburanishirize y'imanza zimuriwe mu Rwanda.

Abagenzuzi bashyizweho n'Umushinjacyaha wa TPIR bafite uburenganzira bwo kuba bahari mu gihe cy'iburanisha, guhabwa amadosiye ajyanye n'urubanza no kugera ahantu hose abaregwa bafungiyeye.

Hakurikijwe ingingo ya 29 ya Sitati ya TPIR, Amasezerano y'i Vienne yo ku itariki ya 13 Gashyantare 1946 arebana n'uburenganzira bwihariye n'ubudahangarwa bw'Umuryango w'Abibumbye akurikizwa kuri abo bagenzuzi bashyizweho n'Umushinjacyaha wa TPIR.

Ingingo ya 20: Gusubiza urubanza TPIR

Igihe TPIR ifashe icyemezo cyo gusubirana urubanza yari yarohereje mu Rwanda hakurikijwe ingingo ya 11 bis y'Amategeko yayo Agenga Imiburanishirize n'Itangwa ry'ibimenyetso, uregwa asubizwa TPIR bidatinze hamwe n'amadosiye yose, inyandiko, ibimenyetso gihamya n'ibindi bintu byose by'inyongerwa bivuzwe muri icyo cyemezo.

Article 19: Monitoring of Proceedings

The ICTR Prosecutor shall have the right to designate individuals to observe the progress of cases transferred to Rwanda in accordance with article 11*bis* D) iv) of the ICTR Rules of Procedure and Evidence.

Observers appointed by the ICTR Prosecutor shall have access to court proceedings, documents and records relating to the case as well as access to all places of detention.

The Vienna Convention of 13th February, 1946 on the Privileges and Immunities of the United Nations shall apply to the observers so appointed by the ICTR Prosecutor in accordance with Article 29 of the ICTR statute.

Article 20: Referral of cases to ICTR

In the event that the ICTR revokes an Order of referral of cases it had transferred to Rwanda pursuant to Rule 11*bis* of the ICTR Rules of Procedure and Evidence, the accused shall be promptly surrendered to the ICTR together with any files, documents, exhibits and all other additional materials as stipulated in the order.

Article 19: Suivi des instances

Le Procureur du TPIR peut, en application de l'article 11 *bis* D) iv) du Règlement de Procédure et de Preuve du TPIR, désigner des personnes chargées de suivre le déroulement des affaires renvoyées au Rwanda.

Les observateurs nommés par le Procureur du TPIR ont accès aux audiences, aux documents et aux dossiers se rapportant à l'affaire ainsi qu'à tous les lieux de détention.

La Convention de Vienne sur les privilèges et immunités des Nations Unies du 13 février 1946 s'applique, conformément à l'article 29 du Statut du TPIR, aux observateurs ainsi nommés par le Procureur.

Article 20: Dessaisissement

En cas d'annulation d'une ordonnance de renvoi d'une affaire par le TPIR en vertu de l'article 11 *bis* de son Règlement de Procédure et de Preuve, l'accusé est remis sans délai au TPIR de même que tous les dossiers, documents, pièces à conviction et autres éléments additionnels spécifiés dans l'ordonnance portant annulation.

UMUTWE WA VI: IBIHANO

Ingingo ya 21 : Igihano gisumba ibindi

Igifungo cya burundu ni cyo gihano gisumba ibindi gihabwa uregwa wahamwe n'icyaha mu rubanza rwimuriwe mu Rwanda ruvuye muri TPIR.

Ingingo ya 22: Gukura mu gihano igihe umuntu uhamwe n'icyaha amaze afunze by'agateganyo

Igihe umuntu uhamwe n'icyaha amaze afunzwe by'agateganyo cyangwa ategereje kuburanishwa ku rwego rw'ubujurire gikurwa mu gihano cy'igifungo cyose yakatiwe.

Ingingo ya 23: Ifungwa

Umuntu wese wimuriwe mu Rwanda na TPIR kugira ngo ahaburanishirizwe, afungwa hakurikijwe uburyo bw'ibanze bwo gufunga buteganywa n'Amahame rusange arengera umuntu wese ufuzwe mu buryo ubwo ari bwo bwose. Ayo mahame akaba yaremejwe n'Inteko Rusange y'Umuryango w'Abibumbye mu Cyemezo cyayo cya 43/173 cyo ku itariki ya 9 Ukuboza 1998.

Komite Mpuzamahanga y'Umuryango utabara imbabare cyangwa umugenzuzi washyizweho na Perezida wa TPIR, bafite uburenganzira bwo kugenzura uburyo abantu bimuriwe mu Rwanda bavuye muri TPIR bafunzwemo. Komite Mpuzamahanga y'Umuryango utabara imbabare cyangwa umugenzuzi washyizweho na TPIR

CHAPTER VI: PENALTIES

Article 21: The heaviest Penalty

Life imprisonment shall be the heaviest penalty imposed upon a convicted person in a case transferred to Rwanda from ICTR.

Article 22: Credit for time spent in custody

Credit shall be given to the convicted person for the period during which he has been detained in custody, or pending for the appeal.

Article 23: Detention

Any person who is transferred to Rwanda by the ICTR for trial shall be detained in accordance with the minimum standards of detention stipulated in the United Nations Body of Principles for the Protection of all persons under any Form of Detention or Imprisonment, adopted by General Assembly resolution 43/173 of 9 December, 1998.

The International Committee of the Red Cross or an observer appointed by the President of the ICTR shall have the right to inspect the conditions of detention of persons transferred to Rwanda by the ICTR and held in detention. The International Committee of the Red Cross or the observer appointed by the ICTR shall submit a

CHAPITRE VI : DES PEINES

Article 21 : Peine maximale

L'emprisonnement à vie est la peine maximale en cas de jugement d'imputation de culpabilité dans une affaire déférée au Rwanda par le TPIR.

Article 22 : Déduction de la peine de la période de détention provisoire

La durée de la période pendant laquelle la personne reconnue coupable a été placée en détention provisoire ou préventive est, en cas de condamnation, déduite de la durée totale de sa peine.

Article 23: Conditions de détention

Les conditions de détention de toute personne dont l'affaire a été transférée au Rwanda par le TPIR seront conformes aux conditions minimales de détention prévue dans l'Ensemble de principes pour la protection de toutes les personnes soumises à une forme quelconque de détention ou d'emprisonnement, adopté par l'Assemblée générale des Nations Unies dans sa Résolution 43/173 du 9 décembre 1998.

Le Comité international de la Croix-Rouge ou un observateur nommé par le Président du TPIR a le droit de vérifier les conditions de détention des personnes qui ont été transférées au Rwanda par le TPIR et qui y sont détenues. Le Comité international de la Croix-Rouge ou l'observateur nommé par le TPIR remet au Ministre ayant la Justice dans ses

bashyikiriza Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano ze mu Rwanda na Perezida wa TPIR raporo y'ibanga ishingiyeye ku myanzuro y'ibyo bagezeho mu igenzura bakoze.

Iyo ufunzwe apfuye cyangwa atorotse gereza, Umushinjacyaha Mukuru wa Repubulika ahita abimenyeshya Perezida wa TPIR na Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano ze mu Rwanda.

Umushinjacyaha Mukuru wa Repubulika akora anketi ku rupfu cyangwa itoroka ry'umuntu wari ufunze agaha raporo Perezida wa TPIR na Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano ze mu Rwanda.

UMUTWE WA VII: INGINGO ZISOZA

Ingingo ya 24 : Ikoreshwa ry'iri tegeko ngenga mu bindi bibazo byerekeye iyimurwa ry'imanza hagati y'u Rwanda n'ibindi bihugu

Iri Tegeko Ngenza rikoreshwa hahindurwa ibigomba guhinduka ku manza zoherezwa muri Repubulika y'u Rwanda zivuye mu bindi bihugu kimwe no ku byifuzo Repubulika y'u Rwanda ishyikirije ibindi bihugu, isaba kwimura imanza cyangwa abantu bakekwa kuba barakoze ibyaha.

confidential report based on the findings of these inspections to the Minister in charge of Justice of Rwanda and to the President of the ICTR.

In case an accused person dies or escapes from detention, the Prosecutor General of the Republic shall immediately notify the President of the ICTR and the Minister of Justice in Rwanda.

The Prosecutor General of the Republic shall conduct investigations on the death or the escaping of the person who was in detention and shall submit a report to the President of ICTR and the Minister of Justice in Rwanda.

CHAPTER VII: FINAL PROVISIONS

Article 24: Applicability of this Organic Law to other matters of transfer of cases between Rwanda and other states

This Organic Law applies *mutatis mutandis* in other matters where there is transfer of cases to the Republic of Rwanda from other States or where transfer of cases or extradition of suspects is sought by the Republic of Rwanda from other states.

attributions au Rwanda et au Président du TPIR un rapport confidentiel fondé sur les conclusions de ces vérifications.

Le Procureur Général de la République informe immédiatement le Président du TPIR et le Ministre ayant la justice dans ses attributions au Rwanda de la mort ou de l'évasion d'un détenu.

Le Procureur Général de la République mène une enquête sur la mort ou l'évasion d'un détenu et transmet un rapport y afférent au Président du TPIR et au Ministre ayant la justice dans ses attributions au Rwanda.

CHAPITRE VII : DES DISPOSITIONS FINALES

Article 24 : Applicabilité de la présente loi organique à d'autres questions relatives au renvoi d'affaires entre le Rwanda et d'autres États

La présente Loi organique s'appliquent *mutatis mutandis* aux affaires transférées à la République du Rwanda par d'autres Etats, ainsi qu'aux demandes de transfert d'affaires ou d'extradition de suspects.

Ingingo ya 25: Iyubahirizwa ry'iri tegeko ngenga

Iri tegeko ngenga ni ryo rikurikizwa, igihe hari aho rinyuranyije n'andi mategeko.

Ingingo ya 26: Igihe iri tegeko ngenga ritangira gukurikizwa

Iri tegeko ngenga ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, kuwa 16/03/2007

Perezida wa Repubulika
KAGAME Paul
(sé)

Minisitiri w'Intebe
MAKUZA Bernard
(sé)

Minisitiri w'Ubutabera
KARUGARAMA Tharcisse
(sé)

Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga
n'Ubutwererane
Dr MURIGANDE Charles
(sé)

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya
Repubulika :**
Minisitiri w'Ubutabera
KARUGARAMA Tharcisse
(sé)

Article 25: Application of this Organic Law

In the event of any inconsistency between this Organic Law and any other Law, the provisions of this Organic Law shall prevail.

Article 26: Coming into force of this organic law

This Organic Law shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 16/03/2007

The President of the Republic
KAGAME Paul
(sé)

The Prime Minister
MAKUZA Bernard
(sé)

The Minister of Justice
KARUGARAMA Tharcisse
(sé)

The Minister of Foreign Affairs and Cooperation
Dr MURIGANDE Charles
(sé)

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

The Minister of Justice
KARUGARAMA Tharcisse
(sé)

Article 25: Application de la présente Loi organique

En cas de conflit de lois, les dispositions de la présente loi organique l'emportent sur toute autre loi.

Article 26 : Entrée en vigueur de la présente loi organique

La présente loi organique entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 16/03/2007

Le Président de la République
KAGAME Paul
(sé)

Le Premier Ministre
MAKUZA Bernard
(sé)

Le Ministre de la Justice
KARUGARAMA Tharcisse
(sé)

Le Ministre des Affaires Etrangères et de la
Coopération
Dr MURIGANDE Charles
(sé)

Vu et scellé du Sceau de la République
Le Ministre de la Justice
KARUGARAMA Tharcisse
(sé)